# IMYANZURO Y'INAMA YA 16 Y'INTEKO RUSANGE Y'ISHYIRAHAMWE RY'UTURERE N'UMUJYI WA KIGALI MU RWANDA (RALGA)

## YO KUWA 10 UKUBOZA 2011

Inama y' Inteko Rusange ya 16 y'Ishyirahamwe ry'Uturere n'Umujyi wa Kigali mu Rwanda (RALGA) yateranye ku wa 10 Ukuboza 2011, mu cyumba cy'inama cya Hoteli Serena, mu Karere ka Nyarugenge, mu Mujyi wa Kigali.

Iyo nama yitabiriwe n'Abanyamuryango ba RALGA bahagarariye Uturere n'Umujyi wa Kigali;

Inama y'Inteko rusange yemeje ingingo zari ku murongo w'ibyigwa arizo zikurikira :

- Kurebera hamwe ishyirwa mu bikorwa ry'Imyazuro y'inama y'Inteko Rusange yo kuwa 23 Mata 2011
- Kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari mu mwaka wa 2010-2011
- Kwemeza raporo ya Komite Ngenzuzi
- Kwemeza gahunda y'Ibikorwa n'Ingengo y'Imari 2011-2012
- Kwemeza umusanzu mushya w'abanyamuryango ba RALGA
- Amatora yo kuzuza Komite Nyobozi na Ngenzuzi
- Gusoma no kwemeza imyanzuro y'inama

Mu ijambo ry'ikaze, Perezida wa Komite Nyobozi ya RALGA yashimiye abitabiriye inama. Yibukije ko ari inama ya mbere iyobowe na Komite Nyobozi bitoreye mu nama y'Inteko yo kuwa 23 Mata 2011 abashimira mu izina rya Komite Nyobozi yose, icyizere bagiriwe.

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P.7249 KIGALI - RWANDA Tel 520782 Fax:520783

Perezida wa RALGA yibukije ko intera igaragara u Rwanda rugenda rugeraho harimo uruhare rudashidikanywa rw'inzego z'ibanze ariko mu mikorere ya buri munsi hakaba haboneka inzitizi zishingiye ku miterere y'akazi, imiterere ya policies n'amategeko, imikorere n'imikoranire hagati y'abayobozi ndetse n'abakozi b'inzego z'ibanze tutibagiwe n'ubushobozi bwabo.

Yagaragaje ko RALGA ari urubuga rufasha mu kubonera ibisubizo byinshi mu bibazo bibuza inzego z'ibanze kurangiza neza inshingano zazo binyuze mu isuzumwa ry'ibibazo bihari, kubishakira ibisubizo, kwigishanya, kujya inama ndetse no gukosorana (peer mechanism). Ikaba rero igomba kandi no gufasha kumenya ahakenewe ubuvugizi ndetse no kwiga uburyo bwakorwa.

Perezida wa Komite Nyobozi yagaragaje ko isura nziza y'inzego z'ibanze igomba guharanirwa harwanywa imigenzereze mibi nka ruswa ndetse no gutanga nabi serivisi. Ati : « Ni ngombwa ko tugira icyo tubikoraho ubwacu, ahari amakosa tukayakosora, aho tubeshyerwa tukabinyomoza kandi ubushake bwo guhindura ibintu tubiganisha aheza burahari mu buyobozi bw'igihugu cyacu ku nzego zose ».

Perezida wa RALGA yamenyesheje abagize Inteko Rusange ko abagize Komite Nyobozi ya RALGA babonanye na Bwana Minisitiri w' Ubutegetsi bw'Igihugu, bamugaragariza bimwe mu bibazo by'ingutu bibangamira imikorere myiza y'inzego z'ibanze, nawe agaragaza ibyo zigomba gutunganya. Bimwe mu byumvikanyweho ni uko:

- Komite Nyobozi ya RALGA izajya ihura na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'igihugu rimwe mu gihembwe mbere y'uko inama ihuza abayobozi b'inzego z'ibanze na « Central Government » iterana;
- MINALOC ishyigikiye kandi izatera inkunga Local Government Institute RALGA iteganya gushyiraho mu rwego rwo kubaka ubushobozi bw'abayobozi n'abakozi bo mu nzego z'ibanze;
- RALGA igomba kugira uruhare kugirango imikoreshereze ya ICT itere imbere vuba mu nzego z'ibanze.

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P.7249 KIGALI – RWANDA Tel 520782 Fax:520783

Mbere yo gusoza ijambo rye, Perezida wa RALGA yamenyesheje abagize Inteko Rusange inkuru nziza y'izamurwa mu ntera rya bamwe mu bahoze bakorana bya hafi na RALGA, Inteko Rusange irabyishimira. Abo ni Dr Aisa KIRABO KACYIRA wabonye umwanya mu buyobozi bukuru bwa UN HABITAT ku isi, Honorable Senator Dr. Jean Damascène NTAWUKULIRYAYO, Perezida wa Sena y'u Rwanda, Honorable Senateri Jeanne d'Arc GAKUBA, Visi Perezida wa Sena y'u Rwanda na Honorable Senateri Penelope KANTARAMA.

Perezida wa RALGA yongeye gushimira abitabiriye inama ndetse anaboneraho kuyifungura ku mugaragaro.

Nyuma yo kwiga ingingo zose ziri ku murongo w'ibyigwa Inteko Rusange ya RALGA yafashe imyanzuro ikurikira :

1. Inama y'Inteko Rusange yishimiye intera imaze guterwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama yayo yo kuwa 23 Mata 2011 isaba ko ibitararangira byakwihutishwa ;
2. Inama y'Inteko rusange yemeje raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari mu mwaka wa 2010-2011 imaze kuyunguranaho ibitekerezo ;
3. Inama y'Inteko rusange yemeje raporo ya Komite Ngenzuzi imaze kuyunguranaho ibitekerezo ;
4. Inama y'Inteko rusange yemeje gahunda y'Ibikorwa n'Ingengo y'Imari 2011-2012 imaze kuyunguranaho ibitekerezo ;
5. Inama y'Inteko Rusange yashyigikiye ishyirwaho ry'uburyo bw'imikoranire hagati ya RALGA n'Uturere mu itangwa rya servisi kuko bivanaho guhendwa kandi bikongera servisi nziza ;
6. Inama y' Inteko Rusange irasaba ko servisi RALGA itanga zamenyekana bityo Uturere n'Umujyi wa Kigali bakaba bazisaba iyo bazikeneye kandi zikagenda zirushaho kunozwa ;
7. Inama y'Inteko Rusange ishyigikiye LG Consult Ltd ariko irasaba ko servisi itanga zarushaho kunozwa kugirango ikomeze kugirirwa icyizere ;

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI - RWANDA Tel 520782 Fax: 520783

8. Inama y'Inteko Rusange yasabye ko RALGA yashyira ingufu mu kongera ubumenyi kuri « public finance management » mu byiciro binyuranye by'inzego z'ibanze,
9. Inama y'Inteko Rusange yasabye ko RALGA yakwihutisha itangwa rya « induction courses » ku bayobozi bacyinjira mu mirimo mu rwego rwo kubafasha kurangiza neza inshingano;
10. Inama y'Inteko Rusange ya RALGA irasaba ko hashyirwa imbaraga mu kurwanya ruswa mu nzego z'ibanze bityo Ubunyamabanga Bukuru bwa RALGA bukaba busabwa kubikoraho ubushakashatsi bwimbitse mu rwego rwo kubona igisubizo kirambye.
11. Inama y'Inteko Rusange irasaba ko RALGA yakomeza gushakisha ibikorwa binyuranye byayifasha kwinjiza amafaranga ;
12. Inama y'Inteko Rusange irasaba ko ibikorwa bya za forums z'abahuje inshingano byarushaho kunozwa kandi zikagira ingengabihe (calendar) isobanutse ku mwaka ;
13. Inama y'Inteko Rusange irasaba ko urwego rw'Akagari rwarushaho kongererwa ubushobozi ruhabwa ibikoresho kandi hateganywa amahugurwa y'abakozi kugirango barusheho kurangiza neza inshingano zabo ;
14. Inama y'Inteko Rusange irasaba ko RALGA yateganya uburyo ihuriro ry'abahoze mu nzego z'ibanze (Alumni) ryahabwa umurongo w'imikorere kandi rigatangizwa ku mugaragaro ;
15. Inama y'Inteko Rusange ishyigikiye Local Government Institute nk'ikigo kizita ku bibazo byose bya Capacity Building y'inzego z'ibanze ikaba isaba ko yatangizwa vuba ;
16. Inama y'Inteko rusange yemeje ko umusanzu utangwa n'abanyamuryango wiyongeraho miliyoni icumi (10.000.000 Frw) bikaba bigomba kwitabwaho mu ivugurura ry'imari y'Uturere n'Umujyi wa Kigali riteganijwe muri Mutarama 2012;
17. Inama y'Inteko Rusange irasaba ko ibirarane by'Uturere tubereyemo LG Consult Ltd byakwishyurwa vuba bitarenze ukwezi kumwe uhereye italiki ya none ;

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P. 7249 KIGALI - RWANDA Tel 520782 Fax. 520783

18. Inama y'Inteko rusange yatoye abuzuza Komite Nyobozi na Ngenzuzi ku buryo bukurikira :

- Bwana RWAGASANA Ernest yatorewe kujya muri Komite Ngenzuzi ya RALGA asimbura Bwana MUSEVENI Sinese utakiri mu mirimo y'inzego z'ibanze ;
- Bwana RUKEBANUKA Adalbert yatorewe kujya muri Komite Nyobozi ya RALGA asimbura Bwana NINGABIRE Bernard utakiri mu mirimo y'inzego z'ibanze ;

19. Inteko Rusange yemeje imyanzuro y'inama yayo imaze kuyikorera ubugororangingo.

**GUSHIMIRA**

1. Inteko Rusange ya RALGA irashimira Komite Nyobozi na Komite Ngenzuzi ku bwitange n'umurava byabaranze mu kazi bari barashinzwe;
2. Inteko Rusange ya RALGA irashimira abitabiriye iyi nama y'Inteko Rusange cyane cyane mu bitekerezo byubaka batanze.

Bikorewe i Kigali, ku wa 10 Ukuboza 2011

Umwanditsi w'Inama
Cllr Christine NIWEMUGENI

RWANDESE ASSOCIATION OF LOCAL GOVERNMENT AUTHORITIES (RALGA) B.P.7249 KIGALI - RWANDA Tel 520782 Fax:520783

Umuyobozi w'Inama
Cllr Justus KANGWAGYE